University of Vermont Health

Central Vermont Medical Center

## Incamake y'amabwiriza

**Habwa ubufasha bwo kwishyura ubuvuzi.**

Dufite porogaramu y'ubufasha bw'amafaranga kugira ngo tugufashe kwishyura ubuvuzi ukeneye.

**Porogaramu y'ubufasha bw'amafaranga ni iki?**

Dutanga ubufasha bw'amafaranga ku bantu badafite ubwishingizi. Dutanga kandi ubufasha ku bantu bafite ubwishingizi ariko bakagira n'ayo basabwa kwiyishyurira badashobora kubona. Bushobora gukoreshwa ku buvuzi uri guhabwa n'ubutabazi bwihutirwa. Ubuvuzi bugomba kuba nkenerwa ku buzima bwawe kugira ngo wemererwe ubufasha.

**Ni nde ushobora guhabwa ubufasha bw'amafaranga?**

Kwemererwa:

- **Kwemererwa bishingiye ku mafaranga winjiza n'imitungo**; reba ubusabe ku nyandiko ikenewe.
- **Ugomba kuba "Umuturage wa Vermont"** – aha hakubiyemo abanyeshuri, abantu bafite akazi muri Vermont, abimukira badafite ibyangombwa, abantu baba muri Vermont ariko badafite amazu ahamye Ntabwo harimo abashyitsi cyangwa abagenzi keretse ubuvuzi ari ubw'ubutabazi bukomeye.
- **Amafaranga winjiza agomba kuba ari munsi y'ikigero ntarengwa.** Hari ikigero ntarengwa cy'amafaranga winjiza gitangirwa ubuvuzi nta buntu ndetse no ku giciro gito. Reba imbonerahamwe.
- **Imitungo yawe "yabyazwa amafaranga" igomba kuba iri munsi y'amafaranga ntarengwa.** Aya ni amafaranga mu ntoki, konti zo kubikuza no kuzigama, n'ibindi (Inzu yawe ya mbere, imodoka, na konti y'izabukuru nti bizakubarwaho.)

## Ikigero ntarengwa cy' mafaranga yinjizwa

Shakisha umubare w'abagize urugo rwawe hamwe n'amafaranga mwinjiza ku mbonerahamwe iri hasi. Ku bantu benshi, umubare w'abagize urugo rwawe uzaba ari abantu banditse ku misoro yawe. Niba ukorera amafaranga menshi ku buvuzi bw'ubuntu, ushobora kwemererwa ubuvuzi ku giciro gito.

## Ubuvuzi butishyurwa

**Ushobora kubona ubuvuzi butishyurwa (kwishyura $0) niba amafaranga winjiza mu rugo ari munsi ya 250% y'urwego rw'igipimo cy'ubukene (FPL).** Muri 2026, amafaranga yawe winjiza agomba kuba munsi ya:

| Umubare w'abagize umuryango | Amafaranga ntarengwa yinjizwa |
|---|---|
| Umuntu 1 | $39,900 |
| Abantu 2 | $54,100 |
| Abantu 3 | $68,300 |
| Abantu 4 | $82,500 |
| Abantu 5 | $96,700 |
| Abantu 6 | $110,900 |
| Abantu 7 | $125,100 |
| Abantu 8 | $139,300 |

## Ubuvuzi bwo ku giciro gito

**Niba amafaranga yinjira mu rugo rwawe ari munsi ya 400% by'urwego rwa leta rw'igipimo cy'ubukene (FPL), ushobora guhabwa igabanyirizwa rya 76%.** Muri 2026, amafaranga yawe winjiza agomba kuba munsi ya:

| Umubare w'abagize umuryango | Amafaranga yinjizwa ntarengwa |
|---|---|
| Umuntu 1 | $63,840 |
| Abantu 2 | $86,560 |
| Abantu 3 | $109,280 |
| Abantu 4 | $132,000 |
| Abantu 5 | $154,720 |
| Abantu 6 | $177,440 |
| Abantu 7 | $200,160 |
| Abantu 8 | $222,880 |

## Ubuvuzi bukomeye

Tubaze ibijyanye no kwita ku byago (gukomereka cyane cyangwa uburwayi) niba urimo ibitaro amafaranga menshi, ariko amafaranga winjiza ari menshi cyane ku buryo udashobora kwemererwa kwivuza ku buntu cyangwa ku giciro gito. Ubu bwoko bw'ubufasha buraboneka ku barwayi bafite imyenda irenze 20% by'amafaranga binjiza mu rugo buri mwaka. **Dushobora kugufasha kumenya niba wemerewe.**

*Amakuru arambuye ari inyuma*

## Serivisi zishingirwa

- Serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa zitangirwa mu cyumba cy'indembe;
- Serivisi zihutirwa ku ndwara itavuwe vuba, yateza impinduka mbi mu buzima bw'umurwayi;
- Serivisi z'ubuvuzi zikenewe zatoranyijwe

## Serivisi zitishingirwa

- Serivisi z'ubwiza/Guhinduza uruhu
- Serivise z'ubugumba/uburumbuke
- Ubuvuzi budakenewe
- Serivisi z'ubushakashatsi/Iz'igerageza
- Kuvura abarwayi b'abanyamahanga keretse serivisi itangiwe mu cyumba cy'indembe; bisobanurwa nk'abashyitsi batari abatuye
- Serivisi zitangwa kuri Apple Tree Bay

## Uko basaba guhabwa ubufasha

Ushobora gusaba mbere cyangwa nyuma yo guhabwa serivisi z'ubuvuzi.

### Kurikiza ubu buryo:

1. **Saba ku buntu.**
   - Bikorwa imbonankubone: Kwiyandikisha
   - Kuri murandasi: [Ubufasha bw'amafaranga (uvmhealth.org)]
   - Telefone: Hamagara (802) 847-8000
2. **Uzuza ubusabe.** NTIHAGIRE igice usiga kitujuje. Harimo impapuro zishyigikira nk'uko byamenyeshejwe mu busabe.
3. **Duhe cyangwa utwohereze ubusabe bwuzuye.**
   - Busige kuri: CVMC Registration or Financial Services, 3 Home Farmway, Montpelier VT 05602
   - Ohereza ubutumwa kuri aderesi:
     University of Vermont Health Network
     Financial Assistance Program
     Patient Access Department IDX 22052
     111 Colchester Avenue
     Burlington, VT 05401

### Ni iki gikurikiraho?

Tuzakohereza ibaruwa mu minsi 30 ikurikira. Izaba ikubiyemo amakuru yo kuba wemerewe cya, wangiwe, cyangwa ukeneye kohereza andi makuru.

Niba ubusabe bwawe bwanzwe, ushobora kujuririra icyemezo. Ubusabe bw'ubujurire bugomba koherezwa inzobere mu bijyanye n'ubufasha bw'amafaranga bw'abarwayi mu nyandiko mu minsi 60 uhereye igihe ubusabe bwangiwe kandi bugomba kuba bikubiyemo impamvu y'ubujurire.

## Uko wabona ubufasha mu kuzuza ubusabe

- **Sura ibiro byacu by'ubujyanama mu by'amafaranga:**
  3 Home Farmway, Montpelier VT 05602
- **HAMAGARA:** (802) 847-8000

## Ubufasha bw'indimi nta kiguzi

Dutanga ubufasha ku buntu ku bantu bafite ikibazo cy'itumanaho cyangwa kutamenya ururimi. Dushobora kandi gufasha abakeneye aya makuru mu buryo butandukanye. Ku bufasha bw'ubusemuzi bw'indimi 802-847-8899.

## Ayandi makuru

### Ni nde wemera ubufasha bw'amafaranga?

Ntabwo ari abatanga serivisi z'ubuvuzi bose bishingirwa n'itegeko ryacu ry'ubufasha bw'amafaranga. Reba urutonde rwacu hano: [Ubufasha bw'amafaranga (cvmc.org).] Ushobora kandi kubaza ibyerekeye umuganga wawe.

### Soma ibwiriza ryose

Iyi ni incamake mu rurimi rworoshye y'ibwiriza ry'ubufasha bw'amafaranga. Ibwiriza ryacu ryose riri hano: [Ubufasha bw'amafaranga (cvmc.org).]

## Kutavangura

<u>Ntabwo</u> tuvangura dushingiye ku bwoko, ibara, igitsina, ibyiyumviro by'imibonano mpuzabitsina, indangamuntu, irangamimerere, idini, ibisekuruza, inkomoko y'igihugu, ubwenegihugu, sitati y'ubwimukira, ururimi rw'ibanze, ubumuga, ubuvuzi, cyangwa amakuru nkomoko sano.